



URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI

ICYEMEZO N° 00006.../2022/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE
UBUTABERA KWITABA URUKIKO.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri, umunsi wa 27 w'ukwezi kwa Nzeli;

Twebwe **NTIRENGANYA Fabien**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na **NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru rukiko uwitwa, **UWIMANA Simon** mwene **NTIBAZIYAREMYE Adrien** na **MUSABEYEZU Appolonie**, wavutse mu mwaka wa 2000, ubarizwa mu Mudugudu wa Kabucuku, Akagari ka Cyingwa, Umurenge wa Gitambi, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba, muri Repubulika y'u Rwanda, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera;

Tumaze kubona ko ikirego cy'ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko kigahabwa n° **RP 00047/2022/TGI/RSZ**, ubushinjacyaha bukurikiranyeho **UWIMANA Simon**, ubufatanyacyaha mu cyaha cyo gukubita no gukomeretsa umuntu ku bushake icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo za 2 a4,84, 121 y'itegeko numero 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange hamwe n'icyaha cy'ubufatanyacyaha mu cyaha cy' ubwinjiracyaha mu ubujura bukoreshywe kiboko cyangwa ibikangisho giteganywa kandi kigahanishwa ingingo za , 2 a4,84, 21, 168 z'itegeko numero 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange,,

Dushingiye ku ngingo za 160, 161 n'ya 162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganywa uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko **UWIMANA Simon** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **07/11/2022** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

NTIRENGANYA Fabien
UMUCAMANZA



NYIRAMBONIGABA M.Thérèse
UMWANDITSI